ALBUQUERQUE PUBLIC SCHOOLS

# Ibigo by'Amashuri ya Leta bya Albuquerque

Amabwiriza yo gukorana n'Imiryango y'Ifasi y'Amashuri ateganywa n'Umutwe wa I ya 2023-2024

Ibigo by'amashuri ya leta bya Albuquerque Ishami riteganywa n'Umutwe wa I ritangaza Amasezerano y'Ubufasha bujyanye no Gukorana n'Imiryango amenyesha ababyeyi/abarezi bemewe bo mu ifasi y'amashuri uburyo Ishami rifasha mu bijyanye no Gukorana n'Imiryango ku bigo by'amashuri no mu ifasi y'Amashuri. Amasezerano y'Ubufasha bujyanye no Gukorana n'Imiryango azaba igisubizo ku busabe bw'ababyeyi/abarezi bemewe bw'inyandiko ngufi, yumvikana kurusha isobanura imirimo y'Ishami riteganywa n'Umutwe wa I mu itangwa ry'ubufasha bwo Gukorana n'Imiryango ku bigo by'amashuri biteganywa n'umutwe wa I bibyitabira. Ingingo zikurikira zashyizweho akamenyetso zisobanura ku buryo burambuye ingingo zikubiye mu Masezerano y'Ubufasha bujyanye no Gukorana n'Imiryango.

1. Ishami riteganywa n'Umutwe wa I rimenyesha ababyeyi/abarezi bemewe, binyuze ku rubuga ruteganywa n'umutwe wa I hamwe n'agatabo kanyuzwamo amakuru, uburenganzira bwabo bwo kugira uruhare mu isuzuma n'inozwa rya gahunda iteganywa n'Umutwe wa I, n'uburyo Serivisi za gahunda ziteganywa n'Umutwe wa I ziba kimwe mu bigize *Apulikasiyo Ihuriweho y'Ifasi y'Amashuri*.
2. Ishami riteganywa n'Umutwe I riha ubufasha n'inyunganizi mu bya tekiniki Ibigo by'amashuri biteganywa n'Umutwe wa I mu gutangaza ibintu ku mbuga zaryo za enterineti. Indi kopi yo mu mpapuro iteye ku bundi buryo wayisanga ku biro by'ikigo cy'amashuri.
3. Ishami riteganywa n'Umutwe wa I, binyuze mu kwerekera abashya, iterambere rijyanye n'umwuga rikomeje gukorwa, hamwe n'ubufasha bukomeje gutangwa ku ishami, rizaha ubufasha n'inyunganizi mu bya tekiniki Ibigo by'amashuri biteganywa n'Umutwe wa I bujyanye no gutegura no gushyira mu bikorwa ibikorwa byo gukorana n'imiryango ku buryo bunoze byibanda ku kuzamura imitsindire y'abanyeshuri mu ishuri mu gusoma, imibare, siyansi, no gukora neza mu ishuri muri rusange.
4. Ishami riteganywa n'Umutwe wa I ryubaka ubushobozi bw'ibigo by'amashuri n'ubwababyeyi/abarezi bemewe bugamije gukorana n'imiryango mu:
    a. Gutanga ibikoresho n'ibyifashishwa ku kigo cy'ishuri mu kubunganira mu gufasha imiryango y'abanyeshuri iherebwa serivisi mu bigo by'amashuri biteganywa n'umutwe wa I kugira ngo ibashe gusobanukirwa amasuzuma atangwa n'ikigo cy'amashuri cyo ku rwego rwa leta, n'uburyo bashobora kugera ku makuru y'imitsindire y'umwana wabo.
    b. Gutanga ibikoresho n'amakuru mu nama zikomeje kuba z'Iterambere mu mwuga ryerekeye Kunganira imiryango ziteganywa n'Umutwe wa I zerekeye imikorere myiza y'uburyo bwo kubaka imibanire no gukorana ibiganiro by'uburyo bubiri hamwe n'ababyeyi/abarezi, n'uburyo bwo gutegura ahantu abantu bisanga, n'uburyo bwo gushishikariza ababyeyi/abarezi kugera ku byifashishwa no kongera ubwitabire gukorana nayo ku kigo cy'amashuri.
    c. Guha ibigo by'amashuri amakuru y'uburyo bwo kugera kuri serivisi za gahunda z'ubusemuzi za APS kugira ngo hategurwe ibikoresho, uko bishobora kubaho kose, ababyeyi/abarezi mu rurimi babasha kumva.
    d. Gutanga Umwarimu ushinzwe ibyifashishwa mu Gukorana n'Imiryango kugira ngo hatangwe iterambere mu by'umwuga n'ibyifashishwa byo kunganira ibigo by'amashuri n'ababyeyi/abarezi mu gutegura no gushyira mu bikorwa ibikorwa byo gukorana n'imiryango ku buryo buboneye. Abarimu bashinzwe ibyifashishwa mu Gukorana n'Imiryango bateganywa n'Umutwe wa I bakurikirana uruhare rw'umubyeyi/umurezi mu gihe cyo kubahiriza amasura ye aba kabiri mu mwaka.

5. Ishami riteganywa n'Umutwe wa I rifatanya n'andi mashami ya APS n'imiryango y'abaturage mu kugera ku musaruro ushoboka wo gukorana n'imiryango.
6. Gahunda yerekeye Gukorana n'Imiryango y'Ishami riteganywa n'Umutwe wa I rikora inama n'umubyeyi/umurezi wemewe za buri mwaka hagamijwe gusuzuma na/cyangwa gukosora Agatabo ko Gukorana n'Imiryango n'Amabwiriza y'Ifasi y'Amashuri ateganywa n'Umutwe wa I wa APS.
    a. Ishami riteganywa n'Umutwe wa I, ku bufatanye n'Ibiro bya APS bishinzwe Uburyozwa nshingano no Gutanga amakuru (OAR) rikusanya ndetse rigasuzuma amakuru y'ubushakashatsi yatanzwe n'umubyeyi/umurezi wemewe agamije gusobanura Imikorere ibereye mu Gukorana n'Imiryango mu ifasi no gusangizanya ayo makuru n'ibigo by'amashuri byose biteganywa n'umutwe wa I. Ayo makuru azaba ari ku rubuga rwa enterineti rw'Ibigo by'Amashuri ya Leta bya Albuquerque.

**Ushaka kubona verisiyo yose y'Amabwiriza y'imitangire y'Ikirego muri Leta ya New Mexico, wareba** Uburyo Uburyo bw'Imitangire y'Ikirego bwa NMPED

**Umuyobozi w'Ishami:** Umuyobozi mukuru utenganywa n'Umutwe wa I/ Gahunda yerekeye gukorana n'Imiryango iteganywa n'Umutwe wa I

**Ibyifashishijwe:** ESSA
Cross Ref.: Section 1116(a).

Policy Cross Ref: Title I 2022-2023 APS District Family Policy

**NSBA/NEPN Classification: KB**

Yavuguruwe: Gicurasi 2023

***Ababyeyi nibo barimu b'aabana kandi banabagiraho uruhare rukomeye.***